IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'IMARI N'IGENAMIGAMBI AGEZA KU INTEKO ISHINGA AMATEGEKO UMUSHINGA W' ITEGEKO RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 33/2015 RYO KU WA 30/06/2015 RIGENA INGENGO Y'IMARI YA LETA Y'UMWAKA WA 2015/2016

Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida;
Ba Nyakubahwa Badepite;

1. Munyemerere mbagezeho mu izina rya Guverinoma umushinga w'itegeko rihindura kandi ryuzuza itegeko N°33/2015 ryo kuwa 30/06/2015 rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2015/2016 nk'uko biteganywa n'ingingo ya 41 y'Itegeko Ngenga N° 12/2013 ryo ku wa 12 Nzeli 2013 ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta nkuko ryavuguruwe kugeza ubu.

2. Nk'uko kandi biteganywa n'itegeko ngenga maze kuvuga haruguru, ndabanza kubagezaho imiterere y'ubukungu bw'Igihugu ndetse n'uburyo ingengo y'imari yashyizwe mu bikorwa mu mezi atandatu ya mbere abanza y'umwaka wa 2015/16, hanyuma mbagezeho ibyo dusaba kuvugururwa muri uyu mushinga w'itegeko rihindura kandi ryuzuza itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2015/2016.

A.IMITERERE Y'UBUKUNGU NDETSE N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INGENGO Y'IMARI YA LETA MU MEZI ATANDATU ABANZA Y'UMWAKA WA 2015/2016

Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida;
Ba Nyakubahwa Badepite;

3. Ingamba zivuguruye z'ubukungu bw'igihugu cyacu mu mwaka wa 2015/2016 no mu gihe gicirirtse zishingiye ahanini mu gushimangira ikoreshwa ry'amafaranga ya Leta hitawe ku ngorane zituruka hanze y'igihugu n'ingaruka bigira ku bukungu bwacu. Kugira ngo ingamba z'ubukungu twihaye zigerweho, Guverinoma izibanda cyane ku kurushaho kongera amafaranga akomoka imbere mu gihugu, hamwe no kurushaho gukoresha amafaranga mu bikorwa by'ingenzi kurusha ibindi hagamijwe kugabanya icyuho mu ngengo y'Imari no kurushaho kugabanya gucungira ku nkunga z'amahanga. Ni muri urwo rwego ingengo y'Imari y'umwaka wa 2015/2016 iteganya ko tuzagira icyuho kingana na 5.3% by'Umusaruro rusange w'igihugu, kikazagabanuka kugera ku gipimo cya 4.4 % mu mwaka wa 2016/2017 ndetse no ku gipimo cya 4.2 % mu mwaka wa 2017/2018.

4. Ku bijyanye n'Umusaruro w'ubukungu mu mwaka wa 2015, ubukungu bwacu bwazamutse ku gipimo cya 7.0 ku ijana mu mezi icyenda ya mbere y'umwaka wa 2015 ugereranyije n'igipimo cya 6.5 ku ijana twari twiteze mu mpera z'umwaka wa 2015. Uyu musaruro mwiza w'ubukungu bwacu ukaba waraturutse ahanini ku rwego rwa serivisi, urwego rw'ubwubatsi ndetse n'ubuhinzi.

5. Ku bijyanye n'umusaruro w'ubuhahirane n'amahanga, ivugurura ry'ingamba z'ubukungu ryashingiye ku igabanuka ridasanzwe ry'ibiciro by'amabuye y'agaciro nka Koluta, Gasegereti na wolfram, bigize ibicuruzwa nkenerwa ku masoko mpuzamahanga. Iri gabanuka ry'ibiciro by'amabuye y'agaciro ku masoko mpuzamahanga ryahuriranye n'igabanuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli ndetse n'umusaruro mwiza w'ubukungu bwacu. Ibi akaba aribyo byatumye icyuho hagati y'ibitumizwa n'ibyoherezwa mu

mahanga cyaragabanutse ku kigereranyo cya 0.8 ku ijana ugereranyije n'icyuho twagize mu mwaka wa 2014.

6. Imiterere ya Politiki y'ifaranga yakomeje kubungabungwa hagamijwe kuzamura ubukungu bw'igihugu cyacu. Igipimo fatizo amabanki n'ibigo by'imari biboneraho amafaranga y'inguzanyo muri Banki Nkuru y'Igihugu (key Repo rate) cyagumye kuri 6.5 ku ijana kuva muri Kamena 2014 mu rwego rwo gufasha ishoramari ry'abikorera. Guhera mu mpera z'umwaka wa 2014 kugera mu Ukuboza 2015 amafaranga akoreshwa (Broad money) yiyongereye ku gipimo cya 20.8 ku ijana, ahanini bitewe n'igipimo cy'inguzanyo ku bikorera (Credit to Private Sector) ziyongereye ku gipimo cya 26.7 ku ijana mu mpera z'umwaka wa 2015, mu gihe twari twiteze ko zizamuka ku gipimo cya 19.6 ku ijana mu mwaka wa 2015.

7. Igipimo rusange cy'Izamuka ry'ibiciro ku masoko (Headline inflation) mu mpera z'Ukuboza 2015 cyageze kuri 4.5 ku ijana. Muri rusange mu mwaka wose wa 2015 ibiciro ku masoko bikaba byarazamutse ku mpuzandengo ya 2.5 ku ijana; mu gihe igipimo cy'izamuka ry'ibiciro hatabariwemo ibiciro by'ibiribwa n'ingufu (Core inflation) cyo cyageze kuri 2.3%. Izamuka ry'ibiciro ridakabije rikaba ryaratewe ahanini n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa ndetse n'ibikomoka kuri peteroli. Ihindagurika ry'ibiciro ku masoko mpuzamahanga rikaba ritarahungabanyije cyane ibiciro ku masoko yacu, nubwo agaciro k'ifaranga ryacu kagabanutse ku gipimo cya 7.6% ugereranyije n'idorali ry'Amerika. Gusa ariko agaciro k'ifaranga ryacu kakaba kariyongereye ugereranyije n'amafaranga yo mu karere harimo Kenya, Tanzania na Uganda.

B. IKORESHWA RY'INGENGO Y'IMARI YA LETA MU MEZI ATANDATU YA MBERE Y'UMWAKA WA 2015/2016

Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida;
Ba Nyakubahwa Badepite;

8. Ikoreshwa ry'ingengo y'imari kuva muri Nyakanga kugera mu Ukuboza 2015 ryashingiye ku mafaranga yinjijwe aturutse imbere mu gihugu n'ay'abaterankunga. Ibi byose bikaba kandi byaragize ingaruka ku buryo gahunda z'ibikorwa n'imishinga byari biteganyijwe byashyizwe mu bikorwa.

9. Turebye kuruhande rw'amafaranga yari ateganyijwe kwinjizwa, imibare dufite kugera ubu irerekana ko amafaranga ava imbere mu gihugu hamwe n'impano yinjijwe agera kuri miliyari 721.6 z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yaragabanutseho agera kuri Miliyari 26,9 ugereranyije na Miliyari 748.9 yari ateganyijwe kwinjira. Nubwo muri rusange habayeho igabanuka ry'amafaranga yinjijwe kubera gutinda kw'amafaranga y'inkunga yagombaga gutangwa n'umuryango w'ibihugu by'iburayi (EU), amafaranga ava imbere mu gihugu yo yarenze ayari ateganyijwe kuko twinjije agera kuri Miliyari 522.5 ugereranyije na miliyari 519.6 twari twiteze, bivuze ko yiyongereyeho agera kuri Miliyari 2.9 z'amafaranga y'u Rwanda.

10. Ku bijyanye n'uburyo amafaranga akoreshwa mu Ngengo y'imari, twateganyaga gukoresha angana na Miliyari 845.9 agizwe na miliyari 441.4 mu Ngengo y'imari isanzwe, Miliyari 328.6 mu mishinga y'iterambere, ndetse na miliyari 76 mu bikorwa by'ishoramari rya Leta hagati ya Nyakanga n'Ukuboza 2015. Imibare dufite kugeza ubu iragaragaza ko twakoresheje

muri rusange agera kuri miliyari 831.2 z'amafaranga y'u Rwanda. Nubwo amafaranga yari agenewe ingengo y'imari isanzwe ndetse n'imishinga y'iterambere yakoreshejwe uko byari biteganyijwe, ayari yagenewe ishoramari rya Leta mu bikorwa by'ubucuruzi yo yakoreshejwe ku kigereranyo kiri hasi ugereranyije n'ayari ateganyijwe kubera ibikorwa by'inyubako ya Kigali Convetion Center byishyuwe mu mpera z'ukwezi kwa gatandatu 2015, aribyo byatumye hakoreshwa make muri uyu mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2015/16.

C. IBIKUBIYE MU MUSHINGA W'ITEGEKO RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 33/2015 RYO KU WA 30/06/2015 RISHYIRAHO INGENGO Y'IMARI YA 2015/2016

Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida;
Ba Nyakubahwa Badepite;

11. Nyuma yo kubagezaho uko Ingengo y'Imari yatowe n'Inteko ishinga amategeko yashyizwe mu bikorwa hagati y'ukwezi kwa Nyakanga n'Ukuboza 2015, munyemerere mbagezeho ibikubiye mu mushinga w'Itegeko rihindura kandi ryuzuza itegeko rigena Ingengo y'Imari ya Leta mu mwaka wa 2015/16.

12. Impinduka z'ingenzi zikubiye muri uyu mushinga w'itegeko rihindura kandi ryuzuza itegeko N°33/2015 ryo kuwa 30/06/2015 rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2015/2016 ni izi zikurikira:

    - Kongera mu Ngengo y'Imari inguzanyo nshya ya Banki y'Isi igenewe gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage ndetse

n’inkunga y’inyongera yatanzwe n’ikigega cy’ Abongereza gishinzwe iterambere (DFID) igenewe ibikorwa by’uburezi;

- Gusaranganya amafaranga mashya ateganyijwe kwiyongera mu ngengo y’imari mu bikorwa bitandukanye;
- Kwimura amafaranga yari ateganyijwe ku bikorwa na gahunda bitandukanye bigendeye ku buryo ingengo y’imari yashyizwe mu bikorwa mu mezi atandatu ya mbere;
- Gushyira mu Ngengo y’Imari amafaranga y’Ikigega cya Global Fund yimukanywe mu mwaka wa 2014/15 kugira ngo akoreshwe.

13. Kubera izi mpamvu maze kugaragaza, tukaba dusaba ko Ingengo y’Imari ya 2015/16 yavugururwa ikava kuri miliyari 1,768.2 z’amafaranga y’u Rwanda ikagera kuri miliyari 1,808.8 z’amafaranga y’u Rwanda, bisobanurako muri rusange yiyongeraho agera kuri Miliyari 40.6 z’amafaranga y’u Rwanda. Iyi nyongera ikaba isaranganyijwe mu byiciro bitandukanye by’ingengo y’imari.

Nyakubahwa Perezida w’Umutwe w’Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida;
Ba Nyakubahwa Badepite;

14. Muri rusange ivugurura ry’Ingengo y’imari rirareba uburyo amafaranga ateganyijwe kwinjizwa ndetse n’ibikorwa azakoreshwamo. Mu ngengo y’imari ivuguruye hakaba haziyongeramo amafaranga agera kuri Miliyari 15.9 y’inkunga y’inyongera ya DFID agenewe ibikorwa by’uburezi ndetse n’inguzanyo zatanzwe na Banki y’isi zigera kuri Muliyari 18.4 zigenewe gahunda z’imibereho myiza y’abaturage. Twongeye kandi mu Ngengo y’Imari ivuguruye ya 2015/16 amafaranga y’Ikigega cya Global Fund atari

yakoreshejwe mu ngengo y'imari ya 2014/15 angana na miliyali 15.6 z'amafaranga y'u Rwanda.

15. Ku bijyanye n'amafaranga akomoka imbere mu gihugu, ateganyijwe kwiyongeraho kuva kuri Miliyari 1,046.2 kugera kuri Miliyari 1,048.6, bivuze ko aziyongeraho agera kuri Miliyari 2.5 z'amafaranga y'u Rwanda.

16. Kubijyanye n'uburyo amafaranga azakoreshwa, impinduka z'ingenzi tubagezaho harimo guhindura uburyo amafaranga asaranganyijwe mu bikorwa n'imishinga bitandukanye. Ni muri urwo rwego amafaranga yiyongereye mu ngengo y'Imari yasaranganyijwe ku buryo bukurikira:

(a) Ingengo y'imari isanzwe izava kuri Miliyari 877.2 igere kuri Miliyari 891.6, bivuze ko yiyongeraho agera kuri Miliyari 14.4. Iyi nyongera ikazafasha mu bikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Miliyari 3.0 zizahabwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu gikorwa cyo gutunganya amatora ya Referandum ndetse n'ay'abayobozi b'inzego z'ibanze;
- Miliyari 4.3 agenewe imishahara cyane cyane y'abarimu bashya, imishahara y'abapolisi, abasirikari ndetse n'abakozi b'Ikigo cya NAEB;
- Miliyari 3.7 aziyongera muri za Ambassade z'u Rwanda zitandukanye agenewe kuzifasha mu bikorwa byazo.
- Miliyari 2 agenewe ibikorwa byo gutegura amarushanwa ya CHAN.

(b) Ingengo y'imari y'iterambere izava kuri Miliyari 747.2 igere kuri Miliyari 776.3 bigaragaza inyongera ingana na Miliyari 29.1 z'amafaranga y'u Rwanda. Muri rusange aya mafaranga aziyongera ku mishinga itandukanye harimo agera kuri Miliyari 15.6 aziyongera mu mishinga yo mu rwego rw'Ubuzima iterwa inkunga n'Ikigega cya

Global Fund, Miliyoni 600 ku mushinga wa CCTV Cameras, Miliyoni 400 azahabwa umushinga w'ubworozi w'Ikigo cy'Ubuhinzi RAB mu gukwirakwiza Gahunda ya Girinka, ndetse n'agera kuri Miliyoni 300 azahabwa MINIRENA ku mushinga w'ubushakashatsi ku mabuye y'agaciro.

(c) Ingengo y'Imari yagenewe Ishoramari rya Leta (Net lending) izava kuri Miliyari 132.2 igere kuri Miliyari 114.5 mu ngengo y'imari ivuguruye ahanini bitewe n'igabanuka ry'amafaranga yari agenewe umushinga w'inyubako ya Kigali Convention Center azagabanukaho agera kuri Miliyari 26.5, mu gihe ishoramari muri RWANDAIR riziyongeraho agera kuri Miliyari 7.

Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida;
Ba Nyakubahwa Badepite;

17. Mu ngengo y'Imari ivuguruye ya 2015/16 hakaba haritawe ku busabe bw'ibigo bya Leta bwo kwimura amafaranga kuri gahunda zimwe na zimwe bishingiye ku buryo ishyirwamubikorwa ryari rihagaze mu mezi atandatu abanza. Muri ibi twavugamo nko kwimura amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza (mutuelle de sante) agera kuri Miliyari 13.6 yavanywe mu turere twose hamwe na Minisiteri y'ubuzima. Himuwe kandi amafaranga yari agenewe umushinga wa POSITIVO yavanywe muri MINEDUC, MYICT na RDB ashyirwa muri REB kugirango hishyurwe inyemazabuguzi zijyanye na mudasobwa zari zimaze gutangwa n'uyu mushinga.

18. Ku mishinga y'iterambere ifashwa n'abaterankunga bo hanze, hakaba harabayeho gusaranganya amafaranga hakurikijwe uburyo azagenda yinjira mu ngengo y'imari muri rusange.

Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida;
Ba Nyakubahwa Badepite;

19. Mu gusoza, munyemerere mbabwire ko mu kuvugurura uyu mushinga w'Ingengo y'Imari ya 2015/16 hitawe ku isaranganywa ry'amafaranga hagati y'Ibikorwa ndetse n'inzego hashingiwe ku mihindagurikire y'ibyari byateganyijwe kandi ibi bikaba byarumvikanyweho n'inzego zose bireba. Uburyo ayo mafaranga yagiye asaranganywa murabisanga ku migereka twabohereereje. Hari ibindi bisobanuro bikenewe, twabishyikiriza Komisiyo mu gihe izaba isesengura uyu mushinga.

20. Tukaba twongeye kandi kubashimira mu izina rya Guverinoma umwanya mwaduhaye wo kubasobanurira ishingiro ry'uyu umushinga w'itegeko rihindura kandi ryuzuza itegeko N°33/2015 ryo kuwa 30/06/2015 rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2015/2016 ndetse tunabasaba kuwushyigikira.

Murakoze!